# 256: Yesu Krist' arazutse

1.
Yesu Krist' arazutse: None ntidutiny' urupfu,Kuko yarunesheje, Nta butware rugifite. Haleluya

2.
Non' urupfu n' irembo Ry'ubugingo budashira.ibyo bidutinyure, Ni tujya kurinyuramo.Haleluya

3.
Yesu wadupfiriye Ariho : natwe tubeho Tumushimish' ingeso. Ni We Databuj' iteka.Haleluya.

4.
Ariho : nta cyabasha Kudutandukanya na We.Aturindira hose, Akagez' iteka ryose.Haleluya

5.
Turi mu ma boko ye : Koko, nta wamutunyaga Naho yaba Satani, Cyangw' ibyago,cyangw' urupfu.Haleluya

6.
Ariho : ni We Mwami W'ijuru n'isi wenyine;Tuzajy' aho yagiye, Duhorane na W' iteka.Haleluya

Visit us at indirimbo.com